
Bibiliya y'abana
irerekana

# Ezekiyeli - Umugabo wari ufite iyerekwa



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Lazarus
Alastair Paterson

yahujwe na: Ruth Klassen


yahinduwe na: Margaret Mbabazi

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.



Kera cyane, ingabo zikomeye zateye u Buyuda, maze zifata abenshi mu bagize ubwoko bw'Imana zibajyana i Babuloni ari imbohe.



Abo Bayahudi bari batuye hafi y'uruzi rwa Kebari, kure y'iwabo. Muri bo harimo umuhanuzi Ezekiyeli wari umugaragu w'Imana.



3

Umunsi umwe, Imana yahaye Ezekiyeli iyerekwa. Icyubahiro cy'Imana cyagaragaye nkurumuri rwinshi, mu ishusho y'ibinyabuzima bine by'umuriro. Buri kimwe cyari gifite mu maso hane n'amababa ane.




4

Hejuru yazo hari intebe y'ubwami nziza cyane ikozwe mu mabuye y'agaciro yitwa safiro, yari yuzuye urumuri rumeze nk'umukororombya w'umuriro. Ezekiyeli akimara kubibona, yahise yikubita hasi yubamye.



5

Imana yavuganye na Ezekiyeli. "Nkutumye kubana ba Isirayeli" Babwire amagambo yanjye, kuko barigometse. Nuko haboneka ikiganza cyari gifashe umuzingo w'igitabo. Imana yaramubwiye iti "Iya uyu muzingo, ujye kuvugana n'inzu ya Isirayeli". Mbega itegeko ritangaje! Ariko Ezekiyeli yarumviye arya uwo muzingo maze aragenda.




6

Umwuka w'Imana wazamuriye Ezekiyeli hejuru, umujyana ku Bayahudi bari barajyanyweho iminyago bari batuye ahandi hantu hafi y'Uruzi rwa Kebari. Yamaze iminsi irindwi yicaye aho bari bicaye, atangazwa n'ibyo yabonye. Hanyuma, Imana yagize Ezekiyeli umurinzi. Yari afite ubutumwa yagombaga kubwira abantu babi kutareka kunvira Imana.




7




Ezekiyeli yakoze ibintu byinshi bidasanzwe kugira ngo asobanurire abantu ijambo ry'Imana. Yashushanyije ishusho ya Yerusalemu ku ikaro ry'ibumba. Birashoboka ko abantu bamwitegerezaga mu gihe yabaga ategura igishushanyo cy'ingabo zikomeye zari zigose Yerusalemu. Yagaragazaga ko umurwa wera w'Imana wari hafi kurimburwa.


8


Isiraheli, Ubwami bwo mu majyaruguru, ntibumviye Imana imyaka 390, naho Yuda, Ubwami bwo mu majyepfo, imyaka 40. Niyo mpamvu Isiraheli yari yarasenyutse n'impamvu Yuda izahita igwa vuba. Imana yabwiye Ezekiyeli kuryama ku ruhande rwibumoso iminsi 390, hanyuma iburyo bwe ku ruhande rwe rw'iburyo kugeza 40, yibutsa abaturage b'ibyaha byabo.
9
Ahari abantu batangiye gutekereza ko Ezekiyeli yari umuntu udasanzwe. Yakoze ibyo Imana yamubwiye byose. Umunsi umwe, yogoshe umusatsi atwika kimwe cya gatatu cyacyo. Ibi byagombaga kwerekana ko kimwe cya gatatu cyabantu i Yerusalemu cyapfaga kishwe n'indwara ninzara mugihe ingabo za Babiloni zateye umujyi.
10
Ezekiyeli yatwaye ikindi cya gatatu cy'umusatsi arawuca n'inkota. Ibyo byagaragazaga ko kimwe cya gatatu cy'abaturage bari kwicishwa n'inkota. Icya gatatu cya nyuma, Ezekiyeli yagitatanyirije mumuyaga. Ariko yashyize imisatsi mike ku itama ry'umwambaro we nk'ikimenyetso cy'uko Imana izakomeza kubarinda kandi ikabasubiza mu Gihugu cy'Isezerano.
11
Uyu muhanuzi wintwari yabwiye abayahudi bari mu bunyage ko ibintu byari kuzagenda birushaho kuba bibi, aho kuba byiza nk'uko bari babyiteze. Abantu barakariye Ezekiyeli, ariko akomeza kuvuga Ijambo ry'Imana.
12
Umunsi umwe ubwo Ezekiyeli yari yicaranye n'abakuru b'Abisirayeli, Imana yahaye Ezekiyeli iyerekwa. Mu iyerekwa, Imana yamufashe mu mumusatsi maze imujyana mu rusengero i Yeruzalemu.
13
Mu rusengero, Imana yeretse Ezekiyeli ibikururuka, inyamaswa zihumanye n'ibigirwamana. Ibyo ntibyari bikwiye kuba mu rusengero rw'Imana.
14

Abo bayobozi basengaga ibyo bigirwamana aho gusenga Imana. Imana yereka Ezekiyeli nanone ko icyubahiro cye cyivuye mu rusengero kandi ruzasenwa. Igihe iyerekwa ryari rirangiye, Ezekiyeli yabwiye Abayahuda iby'iryo yerekwa.




15



Ibyo Imana yavuze byose byabaye byarasohoye. Yerusalemu yarimbuwe. Abantu benshi barapfuye. Igihe Abayahudi bari mu bunyage i Babuloni babyumvaga, bibazaga niba Imana yari yarataye ubwoko bwayo burundu.


16

Ariko Imana yahaye ubundi butumwa muhanuzi wayo. Yayoboye Ezekiyeli mu kibaya cyuzuye amagufwa yumye - amagufwa y'abantu.




17

"Mwana w'umuntu, mbese aya magufwa yabasha gusubira kubaho?" Imana ibaza Ezekiyeli. Ezekiyeli aramusubiza ati: "Nyagasani Mana, urabizi." Nibyo, amagufwa yumye ntashobora kongera kubaho.




18

Uwiteka aramubwira ati "hanurira aya magufwa, ubabwire uti 'mwa magufwa yumye mwe, nimutege amatwi ijambo ry'Uwiteka. mubeho.'" Ezekiyeli yumvise, yumvise urusaku rwinshi. Utekereza ko byatewe n'iki?





19


Mu gihe umuhanuzi yarebaga atangaye, imibiri yegerana igufwa kurindi.





20




Ezekiyeli - Umugabo wari ufite iyerekwa

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Ezekiyeli

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

26




29

60



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16